# INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YA KOMITE TEKINIKI ITEGURA IBARURA RY'ABAZIZE ITSEMBABWOKO N'ITSEMBATSEMBA RYO KU ITARIKI YA 01/10/1990-31/12/1994.

Tariki 01 Ukuboza 1999, mu cyumba cy'inama cya Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, habereye inama yahuje abagize Komite Tekiniki y'ibarura ry'abazize itsembabwoko n'itsembatsemba bahagarariye Minisiteri zimwe na zimwe na bimwe mu Bigo bya Leta.

Iyo nama yayobowe na Bwana RUGEMINTWARI Népomuscène wo muri MINALOC akaba n'Umuyobozi wa Komite Tekiniki.

Abari mu nama (reba ku mugereka).

I. Ku murongo w'ibyigwa hari ingingo zikurikira :

1. Gusuzuma no kuzuza ingengo y'imari yateguwe na MINALOC izakoreshwa mu gikorwa cy'ibarura (Révision Budgétaire)
2. Kungurana ibitekerezo ku mitunganyirize y'ibikorwa by'ibarura ry'abazize itsembabwoko n'itsembabwoko.
3. Gutegura ingengabihe y'ibikorwa by'ibarura.

## II. UKO INAMA YAGENZE

Nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri izi ngingo 3, abari mu nama bageze ku myanzuro ikurikira :

**Ku ngingo ya mbere** .

1) Kongera ingengo y'imari yateganyijwe mu ikoresha ry'ibarura ~~ikava kuri 66.279.123 Frw ikagera kuri 70.000.000 Frw byibuze~~, kubera ko byagaragaye ko hari ibikorwa bisaba amafaranga arenze ayateganyijwe.

2) ~~Umunyamabanga Mukuru muri~~ MINALOC yasabwe gufunguza konti muri B.N.R. y'imbanzirizamushinga (Étude préliminaire).
Icyo gikorwa kizakurikiranwa na Bwana RUGEMINTWARI Népomuscène.

3) Bwana GAFISHI na Bwana GATAGURIYA bari Komite Tekiniki, basabwe gutegura amabaruwa asaba MINECOFIN gushyira 70.000.000 kuri ya konti y'imbanzirizamushinga (étude préliminaire) izafungurwa muri B.N.R. no kwandikira ikigega cy'abacitse ku icumu kugira ngo cyunganire icyo gikorwa. Bwana RUGEMINTWARI Népomuscène ni we ushinzwe kubonana n'umuyobozi w'ikigega.

4) Gushyira umukono ku sheki amafaranga azakoreshwa mw'ibarura byashinzwe Bwana RUGEMINTWARI Népomuscène n'Umunyamabanga Mukuru muri MINALOC, hazanashyirwaho Umunyamabanga w'ibaruramari (Secrétaire Comptable)

5) Komite Tekiniki yifuje ko yahabwa agahimbazamusyi kubera ko perdiem yagenewe idakwiye ku ifunguro n'uburaro.

**Ku ngingo ya kabiri**

1) Ba Bwana GAFISHI na GATANGURIYA bashinzwe kunoza ifishi y'ibibazo, kumenya ibiciro by'ibintu bikenewe biri ku ngengo y'imari y'igikorwa.

2) Ba Bwana RUGEMINTWARI Népomuscène, MUHOZA Christophe na NKAKA Raphaël, bashinzwe imitunganyirize y'amahugurwa (organisation de formation).

3) Madame Emilienne, Bwana RUKAMIRWA Moïse n'umukozi uzava muri MININTER bashinzwe gutegura amabwiriza azatangwa mbere yo guhitamo abakora ibarura (recrutement des agents recenseurs).

4) Guhugura, gukangurira abantu kwitabira icyo gikorwa cy'ibarura bizakorwa na Komite Tekiniki yose.

5) Komite Tekiniki yemeje ko buri munsi hazajya hakorwa isuzuma ry'ibyavuye mu ibarura bigakorwa na Komite Njyanama ya selire.

**Ku ngingo ya gatatu**

1) Buri tsinda rizakora ingengabihe y'ibikorwa rishinzwe isuzumwe mu nma ya Komite Tekiniki.

2) Mu nama y'ubutaha, hazashyirwaho iminsi y'igerageza ry'ibibazo mu makomini atatu.

3) Hemejwe kandi ko mu nama y'ubutaha Komite Tekiniki izahitamo umukozi wa Radiyo na Televiziyo by'u Rwanda bazakora iyamamaza ry'ibarura.

4) Komite Tekiniki izajya iterana buri wa kabiri n'uwa gatanu w'icyumweru guhera saa 10h00.
Ayo manama azaba agamije gusuzuma ibyagezweho no kugabana imirimo.

Mu gusoza inama, Komite Tekiniki yiyemeje kugira ibanga muri icyo gikorwa cy'ibarura.

Inama yatangiye saa 10h15 yarangiye saa 12h20.

Bikorewe I Kigali, kuwa 03/12/1999.

**RUKAMIRWA Moïse**

**LISTI Y'ABAJE MU NAMA YO KUWA 01/12/1999**

*****************************************************

| AMAZINA | AHO BAKORA |
|---|---|
| - Bwana RUGEMINTWARI Népomuscène | MINALOC |
| - Bwana NKAKA Raphaël | UNR |
| - Bwana MUHOZA Christophe | MIJESCOP |
| - Bwana GATANGURIYA | ONAPO |
| - Bwana RUKAMIRWA Moïse | MIGEPROFE |